# Icyegeranyo cy'Amakuru y'Imikino yaranze icyumweru

## 2022 Taliki 17-23 Ugushyingo




P1. Volleyball: REG VC na APR VC zegukanye irushanwa ryo gushimira abasora

## Ijambo ry'ibanze

Komite Olempike y'u Rwanda yashyizeho iki cyegeranyo mu rwego rwo kurushaho kumenyekanisha ibikorwa byayo n'iby'abanyamuryango bayo (Amashyirahamwe y'Imikino mu Rwanda) hagamijwe gukomeza guteza imbere siporo no kuyikundisha Abanyarwanda muri rusange by'umwihariko abakiri bato.

Iki cyegeranyo gikubiyemo amakuru n'ibikorwa bya siporo byaranze icyumweru, kikazajya gisohoka rimwe mu cyumweru.

Ntigisimbura kandi izindi nzira Komite Olempike y'u Rwanda isanzwe ikoresha mu kugeza amakuru ku banyamuryango bayo n'abanyarwanda muri rusange.

# Ibirimo


P1 **Volleyball:** REG VC na APR VC zegukanye irushanwa ryo gushimira abasora

P2 **Football:** Amavubi yatsinze Sudani mu mukino wa gicuti

P2 **Football:** Uko imikino y'umunsi wa 10 wa shampiyona yagenze

P3 **Swimming:** Ikipe y'u Rwanda yegukanye imidali 4 mu irushanwa ry'Akarere ka 3

P4 **Handball:** Gicumbi HBT na Kiziguro SS zegukanye igikombe cy'igihugu

P5 **Rugby:** Lion de Fer RFC yatangiye shampiyona ya 2022-2023 yitwara neza

P6 **Taekwondo:** Ikipe ya Police TC yegukanye "Korean Ambassador's Cup 2022"

# 1 **Volleyball:** REG VC na APR VC zegukanye irushanwa ryo gushimira abasora

Ishyirahamwe ry'umukino wa Volleyball mu Rwanda "FRVB" ku nkunga y'Ikigo cy'Igihugu cy'Imisoro n'Amahoro "RRA" hateguwe ku nshuro ya kabiri irushanwa ryo gushimira abasora "Taxpayers Appreciation Volleyball Tournament 2022" ryabaye taliki 19 na 20 Ugushyingo 2022.

Ikipe ya REG VC mu bagabo na APR VC mu bagore ni zo zegukanye iri rushanwa aho zitwaye neza ku mukino wa nyuma wabereye muri BK Arena.

Mu bagabo iri rushanwa ryari ryitabiriwe n'amakipe 6 aho yari agabanyije mu matsinda abiri, itsinda A ryari rigizwe na Gisagara VC, REG VC na KVC naho itsinda B ririmo APR VC, ForeFront VC na IPRC Musanze VC.

Nyuma y'imikino y'amajonjora, ikipe ya Gisagara VC yahuye na ForeFront VC muri ½ cy'irangiza iyisezerera ku maseti 3-1 (25-27, 25-23, 25-23 na 25-23) naho ikipe ya REG VC itsinda APR VC amaseti 3-1 (21-25, 25-14, 26-24 na 25-19).

Ikipe ya ForeFront VC yegukanye umwanya wa 3 itsinze ikipe ya APR VC amaseti 3-1.

Ku mukino wa nyuma, ikipe ya REG VC yatsinze Gisagara VC amaseti 3-1 (26-24, 31-29, 20-25 na 25-18).

Mu bagore naho hitabiriye amakipe 6 aho yari mu matsinda abiri, itsinda A ryari rigizwe na RRA VC, IPRC Huye na Ruhango VC naho itsinda B rigizwe na ForeFront VC, APR VC na IPRC Kigali VC.

Nyuma y'imikino y'amajonjora mu matsinda, ikipe ya RRA VC yatsinze ForeFront VC muri ½ cy'irangiza amaseti 3-1 (25-15, 20-25, 25-21 na 25-9) naho APR VC itsinda Ruhango VC amaseti 3-0 (25-13,25-12 na 25-13).

Ikipe ya ForeFront VC ni yo yegukanye umwanya wa 3 itsinze Ruhango VC amaseti 3-0.

Ku mukino wa nyuma, ikipe ya APR VC yatsinze RRA VC amaseti 3-1 (26-24, 25-19, 23-25 na 25-19)

Ikipe ya mbere mu bagabo n'abagore (REG VC na APR VC) zahawe imidali, igikombe ndetse na miliyoni ebyiri z'amafaranga y'u Rwanda (2,000,000Frw).

Ku mwanya wa kabiri mu bagabo n'abagore (Gisagara VC na RRA VC) zahawe imidali na miliyoni imwe n'igice y'amafaranga y'u Rwanda (1,500,000Frw).

Ikipe ya ForeFront VC yegukanye umwanya wa gatatu mu bagabo n'abagore ihabwa miliyoni y'amafaranga y'u Rwanda (1,000,000Frw).

Iri rushanwa ryateguwe muri gahunda ngarukamwaka yo gushimira abasora. Uyu mwaka wa 2022 ukaba warahuriranye no kwizihiza imyaka 25 RRA imaze ishinzwe ndetse n'imyaka 20 ishize haba iki gikorwa cyo gushimira abasora.

Umwaka ushize wa 2021, iri rushanwa ryari ryegukanwe na Gisagara VC mu bagabo ndetse na RRA VC mu bagore.






# Football: Amavubi yatsinze Sudani mu mukino wa gicuti

Taliki 17 na 19 Ugushyingo 2022, ikipe y'u Rwanda "Amavubi" yakinnye n'ikipe y'igihugu ya Sudani imikino ibiri ya gicuti mu rwego rwo kwitegura imikino y'amajonjora yo gushaka itike ya CAN 2023 izabera muri Cote d'Ivoire muri 2024.

Umukino wa mbere wa gicuti wabaye taliki 17 Ugushyingo 2022, ikipe y'u Rwanda na Sudani zinganya 0-0.

Mu mukiko wa kabiri, wabaye taliki 19 Ugushyingo 2022, ikipe y'u Rwanda yatsinze Sudani igitego 1-0 cyatsinzwe na Gerard Gohou. Iyi mikino yombi yabereye kuri Sitade ya Kigali i Nyamirambo.

Ikipe y'u Rwanda "Amavubi" irimo kwitegura imikino y'umunsi wa 3 n'uwa 4 izaba muri Werurwe 2023 mu gushaka itike ya CAN 2023 izabera muri Cote d'Ivoire muri 2024.

Muri iyi mikino yo gushaka itike, ikipe y'u Rwanda iri mu itsinda L hamwe na Mozambique, Senegal na Benin. Ikipe y'u Rwanda mu mikino ibiri iheruka mu itsinda L yanganyije na Mozambique igitego 1-1 itsindwa na Senegal igitego 1-0.

Muri Werurwe 2023, mu mikino y'umunsi wa 3 n'uwa 4, ikipe y'u Rwanda izakina na Benin, umukino ubanza ubere Cotonou naho uwo kwishyura ubere mu Rwanda.

**Uko imikino yagenze**

**Taliki 17-11-2022**

- Rwanda **0-0** Sudani

**Taliki 19-11-2022**

Rwanda **1-0** Sudani





# Football: Uko imikino y'umunsi wa 10 wa shampiyona yagenze

Taliki 18 kugeza 23 Ugushyingo 2022 habaye imikino y'umunsi wa 10 wa shampiyona y'icyiciro cya mbere mu mupira w'amaguru mu bagabo.

Ikipe ya Kiyovu yanganyije na APR FC ikomeza kuyobora urutonde by'agateganyo.

Imikino y'umunsi wa 11 biteganyijwe ko izaba taliki 26 kugeza 28 Ugushyingo 2022.

**Uko imikino yagenze**

**Taliki 18-11-2022**

- Rutsiro FC **1-1** Musanze FC
- Gorilla FC **2-0** Bugesera FC

**Taliki 20-11-2022**

- Rayon Sports **2-2** Mukura
- Marines FC **3-0** Etincelles FC
- Espoir FC **0-1** Police FC

**Taliki 21-11-2022**

- AS Kigali **4-0** Rwamagana City FC

**Taliki 22-11-2022**

- Gasogi United **1-1** Sunrise FC

**Taliki 23-11-2022**

- APR FC **2-2** Kiyovu

**Urutonde rwa shampiyona 2022-2023**

| Umwanya | Ikipe | Imikino | Amanota |
|---|---|---|---|
| **1** | Kiyovu | 10 | 21 |
| **2** | Rayon Sports | 8 | 19 |
| **3** | APR FC | 9 | 18 |
| **4** | AS Kigali | 7 | 14 |
| **5** | Police FC | 10 | 17 |
| **6** | Gasogi United FC | 10 | 15 |
| **7** | Gorilla FC | 9 | 14 |
| **8** | Musanze FC | 10 | 14 |
| **9** | Bugesera FC | 10 | 14 |
| **10** | Mukura | 10 | 13 |
| **11** | Etincelles FC | 10 | 12 |
| **12** | Sunrise FC | 10 | 09 |
| **13** | Rutsiro FC | 10 | 09 |
| **14** | Espoir FC | 10 | 07 |
| **15** | Rwamagana City | 10 | 07 |
| **16** | Marines FC | 10 | 05 |



# 3 **Swimming:** Ikipe y'u Rwanda yegukanye imidali 4 mu irushanwa ry'Akarere ka 3

Kuva taliki 17 kugeza 20 Ugushyingo 2022 i Dar es Salaam muri Tanzania habereye irushanwa mpuzamahanga ry'Akarere ka 3 "CANA Zone 3 Swimming Championship 2022".

Muri iri rushanwa, u Rwanda rwari rwaserukiwe n'abakinnyi 5 aho muri rusange rwegukanye imidali 4 harimo ibiri ya Zahabu n'indi ibiri ya Feza.

Aba bakinnyi b'u Rwanda bahatanye muri Pisine ndetse no mu mazi magari "Open Water".

**Uko ikipe y'u Rwanda yitwaye**

Abakinnyi bari baserukiye u Rwanda ni Ishimwe Claudette (CS Karongi), Maniraguha Eloi, OLY (Mako Sharks SC), Iradukunda Eric (CS Karongi), Dusabe Claude (CS Karongi) na Nyirabyenda Neema Clementine (CS Karongi). Umutoza wajyanye n'ikipe ni Niyomugabo Jackson.

Ku munsi wa mbere, taliki 17 Ugushyingo 2022, Ishimwe Claudette, Dusabe Claude na Eric Iradukunda bahatanye muri metero 800 muri "Freestyle" naho Maniraguha Eloi, OLY ahatana muri metero 50 muri "Breaststroke". Aba bakinnyi bakaba nta mudali begukanye.

Taliki 18 Ugushyingo 2020, Ishimwe Claudette, Dusabe Claude na Eric Iradukunda bahatanye muri metero 400 ariko ntihagira uwegukana umudali. Maniraguha Eloi, OLY yahatanye muri metero 50 muri "Butterfly" yegukana umudali wa Zahabu.

Umutoza w'ikipe y'igihugu, Niyomugabo Jackson na we wakiniye ikipe y'igihugu yahatanye mu bakanyujijeho "Masters Swimmers" aho yegukanye umudali wa Feza muri metero 50 muri "Butterfly".

Ku munsi wa gatatu, taliki 19 Ugushyingo 2022, Maniraguha Eloi, OLY yahatanye muri metero 50 muri "Freestyle" ntiyabasha kwegukana umudali. Mu bakanyujijeho, umutoza Niyomugabo Jackson yegukanye umudali wa Zahabu muri metero 50 muri "Freestyle".

Ku munsi wa nyuma w'iri rushanwa, taliki 20 Ugushyingo 2022, habayeho guhatana mu mazi magari "Open Water" mu ntera ya kilometero 4 aho abakinnyi 4 b'u Rwanda bakinnye bakuranwa "Relay". Iyi kipe y'u Rwanda yegukanye umwanya wa kabiri ikoresheje iminota 54, amasegonda 27 n'ibice 12. Ku mwanya wa mbere haje Sudani naho Kenya iza ku mwanya wa gatatu.

Abakinnyi bahatanye ni Dusabe Claude, Maniraguha Eloi, OLY, Iradukunda Eric na Nyirabyenda Neema Clementine.

Nyuma y'iri rushanwa, Tanzania ni yo yasoje ku mwanya wa mbere n'amanota 3,061 ikurikirwa na Kenya n'amanota 2768 naho ku mwanya wa 3 haza Uganda n'amanota 2521.

Muri rusange irushanwa ry'uyu mwaka "CANA Zone 3 Swimming Championship 2022" ryari ryitabiriwe n'ibihugu 10 harimo 7 byo mu Karere ka 3 (Rwanda, Burundi, Uganda, Sudan Djibouti, Ethiopia, Tanzania na Kenya) n'ibindi 2 byo mu Karere ka 4 (Afurika y'Epfo na Zambia).





# **Handball:** Gicumbi HBT na Kiziguro SS zegukanye igikombe cy'igihugu

Taliki 19 na 20 Ugushyingo 2022, ishyirahamwe ry'umukino wa Handball mu Rwanda "FERWAHAND" ryateguye irushanwa ry'igikombe cy'igihugu "Coupe du Rwanda 2022" aho ikipe ya Gicumbi HBT mu bagabo na Kiziguro SS mu bagore ari zo zegukanye iki gikombe.

Imikino y'iri rushanwa yabereye mu mujyi wa Kigali ku bibuga bya UR-Remera, UR-Gikondo na Kimisagara ari ho habereye imikino ya nyuma.

Mu bagabo hari hitabiriye amakipe 8 aho yari yashyizwe mu matsinda abiri, itsinda A ryari rigizwe na Police HBC, Gicumbi HBT, Nyakabanda HBC na ES Kigomba naho itsinda B ririmo APR HBC, UR HC, Vision JN HBC na ADEGI HBC.

Nyuma y'imikino y'amajonjora, ikipe ya Police HBC muri ½ cy'irangiza yasezereye Vision JN HBC iyitsinze ibitego 50 kuri 20. Mu wundi mukino wa ½ cy'irangiza, ikipe ya Gicumbi HBT yatsinze APR HBC ibitego 30 kuri 23.

Ku mukino wa nyuma ikipe ya Gicumbi HBT yatsinze Police HBC ibitego 35 kuri 28.

**Mu bagore Kiziguro SS yisubije igikombe**

Mu bagore iri rushanwa ryitabiriwe n'amakipe 6 aho yari yashyizwe mu matsinda abiri, itsinda A ryari rigizwe na Kiziguro SS, UR Women HBC na ISF Nyamasheke naho itsinda B ririmo Three Stars, Gicumbi HBC na GS Kitabi.

Nyuma y'imikino y'amajonjora, ikipe ya Kiziguro SS yahuye na GS Kitabi muri ½ cy'irangiza umukino urangira Kiziguro SS itsinze ku bitego 33 kuri 18 naho ikipe ya ISF Nyamasheke itsinda Gicumbi HBC ibitego 28 kuri 26.

Ku mukino wa nyuma, ikipe ya Kiziguro SS yatsinze ISF Nyamasheke ibitego 34 kuri 23.

Ikipe ya Kiziguro SS yisubije iki gikombe kuko n'umwaka ushize yitwaye neza yegukana "Coupe du Rwanda 2021" itsinze ku mukino wa nyuma ikipe ya Falcons ibitego 39 kuri 33.

Iri rushanwa ry'igikombe cy'Igihugu "Coupe du Rwanda 2022" ni ryo ryasoje umwaka w'imikino wa 2022.

**Uko imikino yagenze**

**Mu bagabo**
**Imikino ya ½**
- Police HBC **50-20** Vision JN HBC
- Gicumbi HBT **30-23** APR HBC

**Umukino wa nyuma**
- Gicumbi HBT **35-28** Police HBC

**Mu bagore**
**Imikino ya ½**
- Kiziguro SS **33-18** GS Kitabi
- Gicumbi HBC **26-28** ISF Nyamasheke

**Umukino wa nyuma**
- Kiziguro SS 34-23 ISF Nyamasheke



# **Rugby:** Lion de Fer RFC yatangiye shampiyona ya 2022-2023 yitwara neza

Taliki 19 Ugushyingo 2022 ni bwo hatangiye umwaka w'imikino muri Rugby "Rwanda Rugby League Season 2022-2023" mu cyiciro cy'abakina ari 15 "15 Aside" mu bagabo. Iyi shampiyona ikaba yaherukaga gukinwa muri 2018-2019 mbere ya COVID-19.

Ku munsi wa mbere w'iyi shampiyona hakinwe imikino 3. Ikipe ya Lion de Fer RFC ifite igikombe giheruka yatsinze 1000 Hills RFC amanota 17 ku 10. Uyu mukino wabereye ku kibuga cya Croix Rouge Kacyiru.

Aya makipe akaba ari yo yaherukaga guhura ku munsi wa nyuma wa shampiyona ya 2018-2019 aho Lion de Fer RFC yegukanye igikombe itsinze 1000 Hills RFC.

Mu yindi mikino yabaye, ikipe ya Muhanga Thunders RFC yitwaye neza itsinda Kamonyi Puma RFC amanota 34 kuri 3. Umukino wabereye mu Karere ka Kamonyi.

Ikipe ya Resilience RFC yatsinze Kigali Sharks RFC ku manota 17 kuri 15. Uyu mukino wabereye muri TTC Mururu mu Karere ka Rusizi aho ikipe ya Resilience RFC ibarizwa.

Imikino y'umunsi wa kabiri biteganyijwe ko izaba taliki 26 Ugushyingo 2022 aho ikipe ya 1000 Hills RFC izakina na Resilience (11h00), Kigali Sharks yakire Kamonyi Puma (13h00) naho ikipe ya Lion de Fer RFC ikine na Muhanga Thunders RFC (15h30). Iyi mikino yose izabera ku Kibuga cya Croix Rouge Kacyiru.

Shampiyona y'uyu mwaka wa 2022-2023 yitabiriwe n'amakipe 6 ari yo Lion de Fer RFC, 1000 Hills RFC, Resilience RFC, Kamonyi Puma RFC, Muhanga Thunders RFC na Kigali Sharks RFC. Amakipe azahura hagati yayo mu mukino ubanza n'uwo kwishyura, ikipe izasoza ifite amanota menshi ni yo izegukana igikombe.

Iyi shampiyona nta gihindutse ikaba izasozwa muri Werurwe 2023.

**Uko imikino yagenze**

- Lion de Fer 17-10 1000 Hills
- Muhanga Thunders 34-3 Kamonyi Puma
- Resilience 17-15 Kigali Sharks





# **Taekwondo:** Ikipe ya Police TC yegukanye "Korean Ambassador's Cup 2022"



Ikipe ya Police TC ni yo yitwaye neza yegukana igikombe cy'irushanwa mpuzamahanga "Korean Ambassador's Cup Taekwondo Championships 2022".

Iri rushanwa ryabereye muri Expo Ground "PSF" i Gikondo taliki 20 Ugushyingo 2022 ritegurwa n'ishyirahamwe ry'umukino wa Taekwondo "RTF" ku bufatanye na Ambasade ya Koreya mu Rwanda.




Abakinnyi bahatanye mu cyiciro cyo kurwana "Kyorugi" mu bakuru "Seniors" mu bagabo n'abagore aho hari hitabiriye amakipe 20 harimo 15 yo mu Rwanda, amakipe abiri yo muri Kenya, ikipe imwe yo muri RDC, ikipe imwe yavuye i Burundi n'ikipe imwe y'impunzi.

Ikipe ya Police HBC ni yo yegukanye umwanya wa mbere aho yakurikiwe na Dream Fighters TC yari yegukanye iri rushanwa muri 2021 naho Dream TC iza ku mwanya wa gatatu.



Mu bakinnyi ku giti cyabo, mu bagore, Umutesi Adeline ukinira Police TC ni we watowe nk'umukinnyi w'irushanwa, mu gihe mu bagabo ari Ngiriyaremye Dan ukinira Dream Fighters TC.

Mu bindi bihembo byatanzwe, ikipe ya IYF-Burundi ni yo yahize izindi mu kugira ishyaka "Taekwondo Team Spirit". Teddy Salumu, umutoza wa Aigle de Fer yo muri DRC na Wilcliff Okoth wa Regional TC yo muri Kenya ni bo batowe nk'abatoza beza kurusha abandi, mu gihe Munyaneza Basile ari we wahembwe nk'umusifuzi w'irushanwa.





RWANDA

commonwealth games RWANDA

Website: www.olympicrwanda.org
www.olympicrwanda.org/commonwealth
Email: cnosr@olympicrwanda.org | @RwandaOlympic

Address: Remera–Hallmark Center Building KG 17 Ave